Bibiliya y'abana
irerekana

Umwana w'umwami aba umushumba

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: M. Maillot; Lazarus

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

yahujwe na: E. Frischbutter; Sarah S.

Story 10 of 60

www.M1914.org

Bible for Children, *PO Box 3, Winnipeg, MB R3C 2G1 Canada*

Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

Kinyarwanda



Byabaye ngombwa ko afasha umucakara.

3

Akebaguza impande zose abona nta wuhari umureba arwanya umutware w'abacakara. Mu gihe barwanaga Mose yica uwo Munyegiputa. Vuba vuba aramuhamba.



4

Bukeye bwaho, Mose abona Abaheburayo babiri barwana. Yihutira kubakiranura. Umwe muri bo agira ati, "Ushaka kunyica nk'uko wishe wa Munyegiputa?"



5

Mose aratinya. Bose banyema ibyo yakoze. Farawo nawe arabimenya. Mose arahunga. Ajya mu gihigu cy'i Midiyani.



6

Aruhuka yicaye iruhande rw'iriba, abakobwa barindwi b'umutambyi w'I Midiyani baraza badahirira intama za se buzuza ibibumbiro amazi.



7

Abandi bashumba baraza barabirukana. Mose araza arabatabara yuhira umukumbi wabo.



8

"Noneho ko mutebutse!"
Reweli se w'abakobwa
biramutangaza.
Basobanuriye se
impamvu, arabasubiza
ati, "nimumuhamagare
aze hano."
9

Mose abana na
Reweli, witwaga
Yetiro. Reweli
amushyingira
umukobwa we
w'imfura.
10


Asubira muri
Egiputa, Farawo
arapfa. Abaheburayo
ubwoko
bw'Imana bari
bagikora imirimo
y'uburetwa.
11


Mbega uburyo
banihishwa n'uburetwa!
Mbega uburyo batakira
Uwiteka!
Imana yumva
umuniho wabo.
12

Mose ntiyabimenye,
ariko Imana yateguye
kumukoresha mu
kubohora Abaheburayo
mu bucakara.
13

Imyaka mirongo ine yar'irangiye
Mose avuye muri Egiputa.
Yaragiraga umukumbi wa Reweli.
Ariko yaburanye n'ubwoko
bwe yasize muri Egiputa.
14

Umunsi umwe Mose abona igihuru cyakamo umuriro. Ariko icyo gihuru nticyakongoka. Mose atambikishwa no kubireba.

15

Uko Mose yegeraga, Imana imuhamagara iri hagati muri icyo gihuru. "Mose!" Mose aritaba ati "karame".



16

Imana iramubwira iti "Wikwegera hano". "Kwetura inkweto mu birenge byawe kuko aho uhagaze aho ari ahera".



17

Imana iravuga iti, "Nzagutuma kuri Farawo ukure muri Egiputa ubwoko bwanjye". Mose bimutera ubwoba kujyayo.



18

Maze Imana yereka Mose imbaraga zayo. Ihindura inkoni ya Mose Inzoka.



19

Mose afata ya nzoka umurizo ayitora hasi maze irongera iba inkoni mu ntoki ze. Imana yongera imuha ikindi kimenyetso.

20

Uwiteka aramubwira ati, "Ishyire ikiganza mu gituza." Mose arabikora. Agikuyemo Ikiganza kiza cyera cyuzuyeho ibibembe.

21

Yongera kubikora agikuyemo kiza gihwanye n'undi mubiri wose.



22

Mose akomeza kunangira. "sindi intyoza mu magambo", abwira Imana. Imana irarakara. Iramubwira iti "nzakoresha Aroni mwene so kuvuga amagambo umubwiye".



23

Mose aragenda asubira kwa Yetiro, apakira ibye byose yerekeza muri Egiputa.

24

Imana iyobora Aroni mwene se wa Mose kumusanganira mu musozi. Mose abwira Aroni umugambi w'Imana wo kuvana Abaheburayo mu bucakara muri Egiputa.



25

Bombi baragenda bateranya abakuru b'Abaheburayo bababwira amagambo Uwiteka yabatumye. Mose akorera bya bimenyetso imbere y'abakuru b'Abaheburayo, bamenya ko Imana izabafasha. Bose hamwe, bapfukamira Imana barayiramya.



26

Hanyuma y'ibyo, Mose na Aroni baragenda bajya kwa Farawo.



27

Baramubwira bati, Imana yavuze ngo "rekura ubwoko bwanjye bugende."

28

Farawo arasubiza ati, "Sinarekura Abisirayeli". Sinzi Uwiteka.

29

Imana yakoresheje imbaraga zayo ngo ihindure imigambi ya Farawo.

30

Umwana w'umwami aba umushumba

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Kuva 2-5

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, aribyo yita icyaha. Igihano cy'icyaha n'urupfu.

Imana iradukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo, Yesu, gupfira kumusaraba maze yishyura igihano cyacu. Yesu yarazutse maze asubira mu ijuru! Ubu Imana ishobora kubabarira ibyaha byacu.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti: Ku nshuti yanjye Imana, Nizera ko Yesu yamfiriye kandi ubu akaba ari muzima na none. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye maze umbabarire ibyaha byanjye, kugira ngo uyu munsi mbashe kubona ubuzima bushya, maze mbane nawe ubuzira herezo. Mfasha kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina. Yohana 3:16

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi!